

The pGALS musculoskeletal assessment - Kinyarwanda



“Gusuzuma mu ngingo ku bana”

Translation provided by Dr Oscar Mwizerwa¹

¹University of Toronto, Toronto, Canada




Ibibazo bikoreshwa

- Ese waba ufile (cyangwa umwana wawe yaba afite) uburibwe cyangwa kugagara mu ngingo, imikaya cyangwa umugongo?
- Ese waba ugorwa (cyangwa umwana wawe yaba agorwa) no kwiyambika imyenda? cyangwa guterura ikintu hejuru y'urutugu?
- Ese waba ugorwa (cyangwa umwana wawe yaba agorwa) no kurira cyanga kumanuka ingazi? cyangwa gusutama?

| Ishusho | Uko bikorwa | Ikiri gusuzumwa |
|--|--|---|
|  | Itegereze umwana ahaguruka (imbere, inyuma n'impande zose) | Ighagararo, isuku ku mubiri, amabara n'utubyimba ku ruhu, guhinamarara (amaguru asumbana, ataringaniye, imitego, urutirigongo rwiheze, kubyimba mu ngingo, guhorota kw'imikaya) |
|  | Itegereze umwana atera intambwe, agenda anagaruka “mu gihe agendera ku mano, ndetse no ku dutsinsino”. | Ibirenge, utubumbambari, mu tuingo duto tw'ikirenge n'amano. Impagarike (suzuma ihetama ry'inda y'ikirenge ahagaze ku mano) |
|  | Hagarara urambuye amaboko imbere yawe | Kurambura imbere intugu Kurambura inkokora no mu bujana, kurambura ingingo nto z'intoki |
|  | Garamisha ibiganza, ndetse ufunge ibipfunsi. | Kurebesha hejuru ubujana n'inkokora, Guhina ingingo nto n'intoki |

03/08/2023

These materials may be used, reproduced and distributed without permission. If you do use them, please acknowledge PMM - www.pmonline.org - as the source. Thank you. The pGALS translations are available on the pGALS app

| | | |
|---|---|---|
|  | Huza imitwe ya meme na mukuru wa meme | Ubushobozi bwo kuyobora ingingo nto z'intoki |
|  | Genda ukoranya imitwe ya meme n'iy'zindi ntoki zisigaye | Ubushobozi bwo kuyobora ingingo nto z'intoki |
|  | Kanda mu bujana witonze | Uburibwe mu bujana |
|  | Huza ibiganza nk'ukora ikimenyetso cyo gusenga, maze uhindure uhuze imigongo y'ibiganza intoki zireba hasi | Kurambura ingingo nto z'intoki, guhinira hasi no hejuru mu bujana Guhina inkokora |
|  | Zamura amaboko mu kirere kandi urebeyo | Kurambura ijosí, Kwasamisha mu ntugu, Kurambura inkokora Kurambura mu bujana |
|  | Shyira ibiganza ku mutwe usa n'uwikorerera maboko inyuma | Kwasamisha mu ntugu, Kuzengurutsa intugu Guhina inkokora |
|  | Koraho wumve niba nta mazi ari mu mavi (witonze, ukanda ingasire y'ivi, cyangwa ugerageza gusunikisha amazi urutoki). Usuzume ivi rimwe urigereranye n'irindi | Amazi mu mavi (amazi make cyane ntiwabasha kuyavumbura ukoze ku ngasire gusa) |

Translation provided by Dr Oscar Mwizerwa.

03/08/2023

These materials may be used, reproduced and distributed without permission. If you do use them, please acknowledge PMM - www.pmonline.org - as the source. Thank you. The pGALS translations are available on the pGALS app.

| | | |
|---|---|---|
|  | Reka umurwayi abyikorere: guhina mu ivi. Maze wumve niba nta jwi rijegera (umufashije) | Guhina no kurambura amavi |
|  | Ufashe umurwayi: Guhina mu itako ku buryo ivi rikora ku nda, kuzengurutsa itako urebesha ivi mo imbere. | Guhina no guzengurutsa mu itako |
|  | Umurwayi yifashe: asama uko ushoboye kose maze ugerageze gushyira intoki eshatu (3) mu kanwa. | Gufunguka k'urwasaya no kurebako rudahengamye |
|  | Gerageza ukoze ugutwi ku rutugu | Uko ingongo zo mu gikanu zikora |
|  | Wuname, maze ugerageze gukora ku mano (amavi arambuye) | Uko ingongo nto z'urutirigongo zikora (usuzume inyonjo) |

03/08/2023

Translation provided by Dr Oscar Mwizerwa.

These materials may be used, reproduced and distributed without permission. If you do use them, please acknowledge PMM - www.pmonline.org - as the source. Thank you. The pGALS translations are available on the pGALS app.